IHURIRO RY' IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI
FORUM NATIONAL DE CONCERTATION DES FORMATIONS POLITIQUES
NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS

ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI YATERANYE KUWA 29/09/2016

None kuwa kane, tariki ya 29 Nzeri 2016, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Madamu MUKABUNANI Christine.

Ku murongo w'ibyizwe hari :

(1) Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 23/06/2016;
(2) Kungurana ibitekerezo ku busabe bwa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) ku mbanzirizamushinga y'Itegeko Ngenga rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga nº 10/2013/OL ryo kuwa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki ;
(3) Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2015/2016;
(4) Gusuzuma no kwemeza Raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2015/2016;
(5) Gushyiraho Abagize Biro y'Ihuriro.

IMYANZURO Y'INAMA

Ku ngingo yo kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 23/06/2016, Inama Rusange yayemeje imaze kuyikorera ubugororangingo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku mbanzirizamushinga y'itegeko ngenga rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga nº 10/2013/OL ryo kuwa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki ; Inama Rusange yatanze ibitekerezo byayo bizagezwa ku rwego rwabisabye.

Ku ngingo zijyanye no gusuzuma no kwemeza raporo, Inama Rusange yemeje raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2015/2016 hamwe na raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2015/2016.

Ku ngingo yo gushyiraho abagize Biro y'Ihuriro, ku mwanya w'Umuvugizi, Inama Rusange yatoye **Madamu KANYANGE Phoebe**, uturuka mu Mutwe wa politiki PSP, naho ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije, itora **Hon. MWIZA Esperance**, uturuka mu Muryango FPR Inkotanyi.

Bikorewe i Kigali, kuwa 29 Nzeri 2016.

BURASANZWE Oswald
Umunyamabanga Nshingwabikorwa

Email:info@forumfp.org.rw B.P: 7459 Kigali / Rwanda Website: http://www.forumfp.org.rw/